## Umunsi wa gatandatu (18/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Kwiha Imana kubera Ingoma y'Imana»*** (Mt 20,23).
3. Gutangaz a Ijambo ry'Imana: (Mt 20, 20-28).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira ingo z'abakristu ngo zishyigikire umuhamagaro wo kwiyegurira Imana.
5. Umugambi: Gushyira imbere Ingoma y'Imana mu muhamagaro wanjye.
7. Isengesho risoza: Dawe uri mu ijuru.

## Umunsi wa karindwi (19/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi : ***« Haguruka ugende »*** (Intg 12, 1).
3. Gutangaz a Ijambo ry'Imana: (Intg 12, 1- 5).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira urubyiruko kutizirika ku by'isi kandi ngo rwumve neza umuhamagaro warwo.
6. Umugambi : Gukunda Imana kuruta byose.
7. Isengesho risoza: Isengesho ryo gukunda.



## Umunsi wa munani (20/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Basiga byose baramukumurikira»*** (Mt 4, 22).
3. Gutangaza Ijambo ry'Imana (Mt 4, 18-22).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira abacibwa intege n'abandi mu muhamagaro wabo.
6. Umugambi: Kwumvira ijwi ry'Imana rimpamagara.
7. Isengesho risoza: Yezu ugira ubupfura n'imico myiza.

## Umunsi wa cyenda (21/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Dore ndi umuja wa Nyagasani, ibyo uvuze bingirirweho»*** (Lk, 1, 38).
3. Gutangaz a Ijambo ry'Imana: (Lk 1, 26-38).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi : Gusabira Abasaserodoti n'abandi biyeguriye Imana.
6. Umugambi : ubudahemuka mu nzira yo kwiyegurira Imana.
7. Isengesho risoza: Roho yanjye irasingiza Nyagasani.

==============================



# AMASENGESHO Y'IMINSI CYENDA (NOVENI) YO KWITEGURA UMUNSI MPUZAMAHANGA WA 55 WO GUSABIRA IHAMAGARWA RY'ABIYEGURIRIMANA

**Igitekerezo shingiro: *«Tumenye gutega amatwi, gushishoza no kubaho uko Imana iduhamagara ibishaka»* (Nyiributungane Papa Fransisiko)**



**Kuva ku wa 13 Mata - 21 Mata 2018**

## INTANGIRIRO

Aya masengesho y'iminsi cyenda, Noveni, yateguwe Komosiyo y'Inama y'Abepiskopi Gatulika mu Rwanda ishinzwe Ihamagarirwabutumwa. Mu ma Diyosezi yose y'u Rwanda, iyo Noveni izatangira ku itariki ya **13 Mata irangire ku itariki ya 21 Mata 2018.** Abapadiri, abiyeguriyimana, by'umwihariko abita ku matsinda y'ihamagarirwabutumwa, barasabwa gufasha abakristu ariko cyane cyane urubyiruko kwitegura neza uwo munsi wo gusabira ihamagarwa ry'Abiyeguririmana ku nshuro ya 55 bafatanya kuvugira hamwe aya masengesho.

## Umunsi wa mbere (13/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Vuga Nyagasani, umugaragu wawe arumva»*** (1 Sam 3, 9).
3. Gutangaza Ijambo ry'Imana: 1 Sam 3,1-10.
4. Inyigisho no kuzirikana
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira urubyiruko ngo rwumve neza ijwi ry'Imana iruhamagara.
6. Umugambi: Kwumvira ijwi ry'Imana rimpamagara.
7. Isengesho risoza. Isengesho ryo kwemera.



## Umunsi wa kabiri (14/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Ntarakuremera mu nda ya nyoko nari nkuzi»*** (Yer 1,5).
3. Gutangaza Ijambo ry'Imana: (Yer 1, 4-10).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira urubyiruko ruri mu marerero (seminari, novisiya).
6. Umugambi: Guhora uzirikana ko umuhamagaro wawe uri mu mugambi w'Imana.
7. Isengesho risoza: Isengesho ryo kwizera.

## Umunsi wa gatatu (15/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Uri nde Nyagasani?»*** (Intu 9, 5).
3. Gutangaza Ijambo ry'Imana : (Intu 9, 1-19).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira urubyiruko ngo rwemere gukurikira ugushaka kw'imana.
6. Umugambi: Kwemera kuyoborwa n'Imana
7. Isengesho risoza. Isengesho ryo kwicuza ibyaha.



## Umunsi wa kane (16/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi: ***«Witinya»*** (Mt 1,20).
3. Gutangaza Ijambo ry'Imana: ( Mt 1, 18-25).
4. Inyigisho no kuzirikana.
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira abashidikanya mu muhamagaro wabo.
6. Umugambi: witinya kubaho ukurikije ugushaka kw'Imana.
7. Isengesho risoza: Ngwino Roho Mutagatifu.

## Umunsi wa gatanu (17/04/2018)

1. Indirimbo n'isengesho.
2. Igitekerezo shingiro cy'umunsi : ***«Nimuze murebe»*** (Yh 1, 39).
3. Gutangaz a Ijambo ry'Imana: (Yh 1, 35-51).
4. Inyigisho no kuzirikana
5. Amasengesho yihariye ajyanye n'uwo munsi: Gusabira abarezi ngo bayobore abahamagarwa mu nzira y'Imana.
6. Umugambi: gufasha abandi kwumva ijwi ry'Imana.
7. Isengesho risoza: Bikira Mariya Nyirimpuhwe.